

UBUYOBOZI BW'UTURERE N'IMIRENGE BUKWIYE KUGIRA URUHARE MU GUFASHA ABATURAGE KUTAMBURWA NA BA RWIYEMEZAMIRIMO

Guhera mu kwezi kwa Mutarama 2010 kugera mu kwezi kwa Gashyantare 2010, Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye runakurikirana mu turere twose tw'Igihugu ibibazo rwashyikirijwe n'abaturage kugira ngo bifatweho umwanzuro, ku bitari mu nshingano z'Urwego abaturage bagirwe inama z'izindi nzira byakemurirwamo.

Mu bibazo bitandukanye abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bakiriye bisa naho byagoranye gukemura harimo ibya ba rwiyemezamirimo bambuye abaturage ubu bikaba bigoye no kumenya aho baherereye.

Ba rwiyemezamirimo usanga kenshi hari abatsindiye amasoko yo kubaka ibikorwa by'amajyambere(amashuri, ibiro by'imirenge, kugeza amazi ku baturage n'ibindi) mu turere cyangwa mu mirenge, bakifashisha abaturage batuye aho mu kazi kabo ntibagirane amasezerano y'akazi yanditse, ahubwo ugasanga ba rwiyemezamirimo bagira amakayi bandikamo imibyizi abaturage bakoze kandi ayo makayi akabikwa na rwiyemezamirimo.

Mu mirimo yabo, ba rwiyemezamirimo usanga hari aho bambuye abaturage amafaranga y'igihembo, ntibubahirize amasezerano bagiranye cyangwa bakayasesa, bitewe n'uko rimwe na rimwe babona ko batunguka, bakwishyurwa bakagenda batishyuye abaturage. Kurengenura umuturage ku bibazo nk'ibi usanga bigoye kuko aba adafite byibura amasezerano yanditse cyangwa se ikindi kimenyetso kigaragaza ko yamukoreye, ugasanga kandi rwiyemezamirimo wamukoresheje atagira aho abarizwa hazwi.

Ntabwo ari amafaranga akomoka ku kazi bakoze bamburwa gusa, usanga hari naho ba rwiyemezamirimo bakoze expropriation y'aho bagiye gushyira ibikorwa, abaturage bangirijwe imitungo ntibahabwe ingurane cyangwa ngo barihwe ibyangijwe biri hejuru y'ubutaka.

Aho Urwego rwakiriye ibibazo nk'ibi rwasize rutanze inama ko rwiyemezamirimo uzajya asaba kwishyurwa azajya abanza gusinyirwa n'Urwego rw'Ubuyobozi ruri hasi y'urwo yishyura rugaragaza ko nta mwenda abereyemo abaturage bamukoreye. Ibyo bikaba byakumira icyo kibazo cyo kwishyurwa bagahita bigendera batishyuye abaturage.